



# Inkingi Forces Démocratiques Unifiées United Democratic Forces

☎ ++(250) 728636000    ✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.victoire-ingabire.com - www.fdu-rwanda.com

Kigali - Rwanda

---

*"Pour un Etat de Droit, la Democratie et l'Egalité de chances"; "For the rule of law, democracy and equal opportunity"*

---

Kigali, kuwa 06 Ukuboza 2011

## ITANGAZO RITABARIZA ABATURAGE BAHOTERWA

Kuwa 02 Ukuboza 2011 mu murenge wa Nyamabuye ahitwa i Nyabisindu akarere ka Muhanga, intara y'Amajyepfo habereye ubushyamirane hagati y'abatwara amagare n'abagize umutwe witwa Local Defense ngo ushinze umutekano ariko ukaba winubirwa n'abaturage kubera imyitwarire mibi y'abawugize, guhohotera abaturage no kubambura utwabo. Ubwo bushyamirane bukaba bwaravuye ku muntu wambuwe igare rye maze abaturage bahari hamwe na bagenzi be bakigaragambya kugeza aho polisi ihuruye, bamwe muri bo bakaba barahakomerekeye bakanafungwa.

Tariki ya 03 Ukuboza 2011 uburakari n'inzika polisi yagiriye abo baturage bari berekanye akababaro kabo no kutishimira ibyemezo byo kubambura utwabo bwatumye polisi yambika bamwe mu bapoliisi imyenda ya gisivire baja mu Murenge wa Muhanga aho bakunze kwita mu Meru bahahirira n'abaturage batatu bava inda imwe aribo TWAGIRUMUKIZA Felix, HATEGEKIMANA Emmanuel na NSEKANABO Vedaste bari bavuye ahitwa mu Birembo nko mu birometero 10 uvuye mu mujyi w'akarere ka Muhanga, abo baturage bakaba bari baje guhembwa kuko bakora mu kirombe gicukurwamo amabuye y'agaciro kiri mu gace k'icyaro kari mu murenge wa Muhanga ariko kubera urugendo rurerure bagombaga gukora bifashishije amagare bari banatiye abaturanyi babo. Bageze mu Meru bahise bagubwa gitumo na ba bapoliisi bambaye imyenda ya gisivile babambura ya magare nta n'icyo babanje kubabaza ubundi barabakubita barabavunagura babahindura inoge bahamagaza imodoka babapakiramo ari intere babagerekaho na ya magare yabo ubundi babicara hejuru babajyanye mu munyururu, babarekuye ku wa 4 Ukuboza 2011, baja kuborera iwabo n'amagare batayasubijwe.

Ibi bikorwa bigayitse bije bikurikira ibindi nkabyo byakorewe abaturage bakoraga mu birombe by'i Rwinkwavu mu Karere ka Kayanza nabo bahohotewe na polisi mu kwezi gushije bagakubitwa iz'akabwana, benshi muri bo bagafungwa ubwo berekanaga ko batishimiye icyemezo cyari cyabafatiwe cyo kubangamira inyungu zabo mu murimo w'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.

Ibi bikorwa byibasira rubanda kandi birakorwa nyuma y'aho muri iki gihe cy'ihinga abaturage baranduriwe imyaka yabo ndetse bamwe bagacibwa amande ahanitse, bagategekwa guhinga ibigori,

---

☎ (+250) 728636000

✉ Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

www.fdu-inkingi.org - www.victoire-ingabire.com - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>

abandi bagatemerwa intoki zabo. Mu karere ka Rusizi, Umurenge wa Nyakabuye, akagari ka Kamanu ho hagaragaye akarusho ko kwibasira intoki z'abantu bamwe izindi bakazihorera ariko ntiherakanwe impamvu y'iryo vangura.

Muri aka karere kandi haravugwa inyagwa ry'imirima y'abaturage bahingaga mu gishanga cya Bugarama. Iyo mirima abaturage bari baragiye bayigura akayabo k'amafaranga bakaba barayatswe igahabwa abandi ariko n'abayihawe bakaba binubira imisoro bayitangaho ihanitse ku buryo babona ko nta kintu kigaragara bazajya bunguka. Bategetswe kujya mu mashyirahamwe buri muntu akaba asabwa ibihumbi icumi (10 000FRW) yo kwinjira mu ishyirahamwe, ibihumbi bitanu (5 000FRW) ku muntu kuri buri musaruro y'ubunyamuryango, ndetse no gutanga ibihumbi cumi na bibiri (12 000 FRW) byo gufata neza igishanga atangwa kuri buri murima kuri buri sarura. Ibyemezo bijyanye n'aya mafaranga yose biza bibitura hejuru nta ruhare na ruto bagira mu kuyagena.

ITEGEKO N° 25/2004 RYO KU WA 19/11/2004 RISHYIRAHO KANDI RIGENA IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'URWEGO RW'ABATURAGE RUSHINZWE GUFASHA GUCUNGA UMUTEKANO "LOCAL DEFENCE" mu ngingo zaryo za 3, 4 na 7 zisobanura ko uyu mutwe ugizwe n'abaturage b'inyangamugayo, bakora ku bwitange, badahembwa, kandi bakaba bashinzwe kunganira inzego z'umutekano. Itegeko ribaha n'ububasha bwo kuneka, kureguzwa no gufata abantu bagashyikirizwa inzego zibishinzwe (ingingo ya 7). Mu by'ukuri uru rwego rufite ububasha bukomeye cyane; Kandi abarugize nibo bishakira umushahara mu byo bakora, bityo amakimbirane hagati yabo na rubanda agahoraho. Ni nk'ingabo zibera mu baturage. Leta ya FPR yari ikwiye kwereka, ikabashyira muri police y'igihugu, mu ngabo cyangwa se mu nzego z'ubutasi, n'izindi zose yakwifuzaga, ariko bakagenerwa imishahara, n'imirimo yabo ikarushaho gukurikiranwa. Niba kandi Leta idashoboye kubahemba no kuvugurura imikorere yabo, ikwiye gukuraho urwo rwego, abaturage bagahumeka.


Ishyamba FDU-INKINGI rikaba risaba inzego zishinzwe umutekano kwubaha no kwubahiriza uburenganzira bw'ibanze bwa muntu burimo no kuba yakwerekana ko atanyuzwe n'icyemezo runaka. Gukubita umuntu kugeza n'aho akomeretswa kubera ko atunze igare cyangwa agenze ku igare noneho ukagerekaho no kumwambura igare rye ni ibikorwa by'urukozasoni ku bantu bitwa ko bashizwe umutekano. Nyamara muri zimwe muri gahunda za leta n'imiryango itegamiye kuri leta tujuje tubona harimo gutanga amagare agamije korohereza abantu ingendo.

Tuributsa ko itegeko nshinga ry'u Rwanda rivuga ko umutungo w'umuntu ari ntavogerwa. Ntirigomba guhonyorwa nkana n'inzego z'ibanze aho zirara mu mirima y'abaturage bakabarandurira imyaka, bakabatemerwa intoki, bagategekwa guhinga igihingwa kimwe, ndetse bakagerekaho no kubaca amafaranga ya za amande.

FDU-INKINGI

Umuyobozi mukuru w'agateganyo wungirije

TWAGIRIMANA Boniface

 (+250) 728636000

 Fdu.inkingi.rwa@gmail.com

[www.fdu-inkingi.org](http://www.fdu-inkingi.org) - [www.victoire-ingabire.com](http://www.victoire-ingabire.com) - **Donation:** <http://www.fdu-rwanda.com/donation>

Join us on **Facebook:** <http://www.facebook.com/pages/Victoire-Ingabire-Umuhoza-for-President/109504816547> -

Watch us on **YouTube:** <http://www.youtube.com/user/FDUInkingi123> - Follow us **on Twitter:**

<http://twitter.com/VictoireUmuhoza>